REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA KIREHE

**ITANGAZO N°:4028/07.10.5.07 RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA AMAVURIRO Y'IBANZE YO KU RWEGO RWA MBERE(FGHP)**

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kirehe buramenyesha abantu ku giti cyabo, Ba rwiyemezamirimo, Ibigo by'ubucuruzi, Imiryango itegamiye kuri leta bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa mu gucunga amavuriro y'ibanze ko mu rwego rwo gukomeza guteza imbere serivisi z'ubuvuzi zegerejwe abaturage, hari amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere (FGHP) **19** yashyizwe muri **gahunda y'ubufatanye bw'inzego za leta n'abikorera (Public Private Partnership).**

Abifuza gupiganira gucunga aya mavuriro y'ibanze bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

**A) Abantu ku giti cyabo:**

1. Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe isaba gucunga ivuriro ry'ibanze .

2. Umwirondoro w'usaba (Curriculum Vitae) usinye (Umwimerere).

3. Fotokopi y'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri yo ku rwego rwa A2, A1 cyangwa A0 mu mwuga w'ubuforomo, ububyaza cyangwa Clinical Medecine and Community Health.

4.Fotokopi y'icyangombwa kimwemerera gukora umwuga wo kuvura (License) kitararenza igihe gitangwa n'urugaga rugenga umwuga ubarizwamo (Nurse, Mid wife, Clinical Medecine & Community Health).

5.Fotokopi y'irangamuntu cyangwa passport

6. Icyemezo cy'umukoresha wa nyuma (Attestation de service rendu)

7. Mu gihe upiganira ivuriro atize umwuga w'ubuvuzi asabwa gutanga ibyangombwa byavuzwe haruguru by'umukozi azakoresha wize umwuga w'ubuvuzi, uzahagararira ibikorwa by'ubuvuzi.

**N.B: Umuforomo (kazi) upiganira gucunga ivuriro ry'ibanze ntagomba kubifatanya n'akazi kandi k'ubuforomo.**

**B) Abikorera (Private Company), Imiryango itegamiye kuri leta(NGOs):**

1. Kuba yanditse mugitabo cy'ubucuruzi muri RDB (Private Company or entrepreneur)

2. Kuba ifite icyemezo cyuko yanditse muri RGB (Local and international NGO)

3.Kuba afite icyemezo cyerekana ko nta mwenda abereyemo ikigo cy'imisoro n'Amahoro (RRA) kitarengeje igihe

4. Kuba afite icyemezo ko nta mwenda abereyemo ikigo cy'igihugu cy'ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB).

5. Ibaruwa isaba gucunga ivuriro yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe

6. Kuba atari kurutonde rw'abatemewe gupiganira amasoko ya leta rutangwa na RDB, RPPA cyangwa kuba ataragaragayeho imikorere mibi mu tundi turere mu bijyanye n'imicungire y'Amavuriro y'ibanze.

7. Gutanga ibyangombwa by'Umukozi uzaba ashinzwe ibikorwa by'ubuvuzi nkuko byagaragajwe mu gika cya mbere.

**Icytonderwa** :

1) Utsindiye ivuriro agomba kwemera gukorana na RSSB kandi akubahiriza amasezerano agiranye nayo.
2) Utsindiye ivuriro asabwa kubahiriza amabwiriza agenga imikorere y'amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere.
3) Amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere apiganirwa murayasanga kumugereka w'iri tangazo.
4) Utsindiye ivuriro agomba gukoresha abakozi bateganywa n'amabwiriza agenga imikorere y'amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere.
5) Uwifuza gupiganira gucunga Ivuriro ry'ibanze agomba kuba yarumvise neza kandi asobanukiwe n'imikorere yayo kandi yiteguye guhita ashyiramo ibikoresho bisabwa nyuma y'ipiganwa rusange.

Abifuza gupiganira gucunga amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere (FGHP) yo mu karere ka Kirehe,bakohereza ibyangombwa (dossier) bisabwa icyarimwe **(One Signed PDF document)** kuri email: info@kirehe.gov.rw bitarenze kuwa **24/03/2025** saa **kumi n'imwe z'umugoroba (17:00),** nyuma y'iyi saha ubusabe buzoherezwa ntibuzakirwa.
Ku bindi bisobanuro mwahamagara **NTIRENGANYA Theogene** (Umuyobozi w'ishami ry'Ubuzima) kuri telephone: **0788874755.**

Bikorewe I Kirehe kuwa 05/03/2025.

**RANGIRA Bruno**
**Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe**

AKARERE KA KIREHE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUTONDE RW'AMAVURIRO Y'IBANZE YO KU RWEGO RWA MBERE APIGANIRWA

| S/N | District | Sector | Cell | Health Post name | Type |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KIREHE | GAHARA | BUTEZI | KIJUMBURA HP | FGHP |
| 2 | KIREHE | GAHARA | MUHAMBA | MUHAMBA HP | FGHP |
| 3 | KIREHE | GAHARA | NYAKAGEZI | NYAKAGEZI HP | FGHP |
| 4 | KIREHE | GAHARA | MUREHE | MUREHE HP | FGHP |
| 5 | KIREHE | GATORE | CURAZO | CURAZO HP | FGHP |
| 6 | KIREHE | GATORE | NYAMIRYANGO | NYAMIRYANGO HP | FGHP |
| 7 | KIREHE | GATORE | RWABUTAZI | RWABUTAZI HP | FGHP |
| 8 | KIREHE | KIGARAMA | CYANYA | CYANYA HP | FGHP |
| 9 | KIREHE | KIREHE | NYABIGEGA | NYABIGEGA HP | FGHP |
| 10 | KIREHE | KIREHE | NYABIKOKORA | NYABIKOKORA HP | FGHP |
| 11 | KIREHE | KIREHE | RWESERO | RWESERO HP | FGHP |
| 12 | KIREHE | MAHAMA | SARUHEMBE | SARUHEMBE HP | FGHP |
| 13 | KIREHE | MPANGA | NYAKABUNGO | NYAKABUNGO HP | FGHP |
| 14 | KIREHE | MPANGA | KANKOBWA | KANKOBWA HP | FGHP |
| 15 | KIREHE | MUSHIKIRI | RUGARAMA | KARAMBI HP | FGHP |
| 16 | KIREHE | MUSHIKIRI | BISAGARA | BISAGARA HP | FGHP |
| 17 | KIREHE | NYAMUGALI | KIYANZI | KIYANZI H.P | FGHP |
| 18 | KIREHE | NYAMUGALI | KAZIZI | KAZIZI HP | FGHP |
| 19 | KIREHE | NYARUBUYE | MAREBA | MAREBA HP | FGHP |

**RANGIRA Bruno**
**Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe**

AKARERE KA KIREHE